**HOT &TOR – Kinyarwanda B**

**T105**

**Wednesday, 28/11/2018**

**08:30 – 11:30 AM**

WORKFORCE DEVELOPMENT AUTHORITY

P.O. BOX 2707 Kigali, Rwanda Tel: (+250) 255113365

# IKIZAMINI CYA LETA GISOZA ICYICIRO CYA KABIRI CY'AMASHURI YISUMBUYE, 2018

## AMASHAMI Y'IMYUGA N'UBUMENYINGIRO

| | |
|---|---|
| **Inyito y'ikizamini:** | **Kinyarwanda B** |
| **Amashami:** | **AMAHOTERI (HOT)** |
| | **UBUKERARUGENDO (TOR)** |
| **Igihe:** | **Amasaha atatu (3h)** |

**AMABWIRIZA :**

1. Ikizamini kigizwe n' ibice bitatu :
   - Igice cya Mbere : Kumva umwandiko, inyunguramagambo n'ubuvanganzo **(amanota 35)**
   - Igice cya Kabiri : Ikibonezamvugo n'ubumenyi rusange bw'ururimi **(amanota 35)**
   - Igice cya Gatatu: Ihimbamwandiko **(amanota 30)**
2. Subiriza mu ikayi yabugenewe, wubahiriza itonde ry' ibibazo.
3. Subiza ibibazo byose.
4. Gusiribanga no guhindagura ibisubizo bifatwa nko gukopera.
5. Birabujijwe kugaragaza izina ryawe cyangwa iry' ikigo wigamo mu bisubizo byawe, aho bigaragaye, bifatwa nko gukopera, bityo Umukandida agatakaza amanota.

**UMWANDIKO**

Umushyitsi atashye twese turamuherekeza, umukobwa muto aba ari we umutwaza igiseke kugeza aho twamusezereyeho tugarutse imuhira. Bukeye inzoga ziraturwa kwa Bihirumuhashyi inshuti nazo ziratumirwa, izo nzoga ziranyobwa abadahari barasukirwa; igihe cy'ijambo ryazizanye kigeze umugeni arasabwa aranatangwa maze impundu ziravuga, ibyivugo bitotwa urudaca.

Muri icyo gihe cy'imisango, usaba ni we wateruye ijambo avuga icyamuzinduye nk'uko cyari ugusaba umugeni, asubizwa na data watanze uwo mugeni kuko ari we wari waratowe n'umuryango kujya avuga ijambo mu gihe cy'imanza mu izina ry'abakomoka kuri sogokuru bose. Ntiyarushaga bene nyina na bene se bose ubukuru n'ubunini uretse ko bari baramubonyeho kuba gahuzamiryango mu bikorwa, mu muco no mu bitekerezo.

Yabonekagaho kuba indakemwa mu mico no mu myifatire kuko umwuka wo gushyira hamwe no kuvuga rumwe warangaga imigirire ye wari umaze gucengera mu muryango wacu, dore ko wari umaze gukomeza ingo z'abo bavandimwe. Bityo ukoshereje undi agahanwa umuryango wose uhari kandi akaba ari wo umuhana nta gukururana no kwiha rubanda bibayeho. Ubwo nkibwira ko umuyobozi mwiza agomba kuba arenze imyaka y'ubwana ariko bitari ngombwa ko arangwa n'imvi cyangwa ngo amere uruhara. Umugabo nk'uwo iyo rutamukenye ukuri akugerana mu za bukuru agasazana ijambo. Uko kuri kukaba kubonekera umuntu akivuka maze akazakwiturirwa agizwe umugabo n'abamugaragiye. Inzoga zishize abashyitsi barasezera turabaherekeza basubirana iwabo ikibindi kimwe kandi bari badutuye muri bibiri. Nza kumenya ko ariko bigenda iteka iyo batuye bwa mbere bagiye gusaba umugeni.

Ibyo gusiga icyo kibindi byakurikiwe n'indi mihango n'imigenzo byagiye bikorwa uko iminsi yagiye yigirayo. Hatangwa isuka ya nyirasenge, inzoga za ba nyirarume, ihene ya musaza w'umukobwa, hoherezwa n'abakobwa bavuye iwacu bagiye kureba urugo tuzashyingiramo. Igihe cyo gukwa kigeze umuryango wose twitegura kwakira inkwano, haza abakwe benshi

baherekeje inka bakirwa n'abasangwa benshi. Imbere y'inka haje umugabo wikoreye ikibindi cyambaye umugozi w'umwishywa; nkumva bavuga ko ubwo uwo mwishywa wambaye inka umugeni akaba ari we uzawusubizayo.

Mu minsi yo gushyingirwa Mutumwinka ararama, ba masenge bagakunda kuza kwicara mu mwerere aho yari yaramiye yarahasasiwe uruhimbi. Muri icyo gihe ntiyasangiraga n'ubonetse wese utari inkoramutima, yewe n'abinjiraga mu mwerere bari mbarwa kuko batinyaga ko hagira umwicira ubugeni. Nyamara njye nkihisha mu rusika kugira ngo nshobore gukurikirana imishyikirano agirana n'abahannyi bafitiwe icyizere gituma aho ari. Buri bucye dushyingira ba masenge bose baziye rimwe basanga umugeni aho yaramiye, mpita njya kwihisha muri rwa rusika rwari rugizwe n'inyegamo zegetse ku nkingi ahareba kandi hegereye igisasiro cya Mutumwinka.

Ba masenge bamaze kudandura hamwe n'umugeni bamwe bicaye barambije amaguru abandi batsinze akabero bagiye bishingikirije akaboko kamwe bigaragara ko bafite ubutumwa bagomba gusohoza, basaba masenge mukuru wahise aganirira umwisengeneza we ku byangombwa mu gushinga no gushyigikira urugo rwiza, guhana mu izina ryabo bose. Nuko aterura agira ati: "Umva Mutumwinka mwana wa musaza wanjye, isuka ya nyogosenge igukomokaho twarayibonye, nta nyogosenge n'umwe ukuvuma, ni yo mpamvu tugiye kukubwira akari imurore, ibanga rimenerwa umwari ukuze ariko wakundiye abamureze agashobora kurebanaho na nyirasenge bicaye mu ruhimbi nk'uru buri bucye ajya kwamburirwa ubusugi ishyanga yishyura izo se yariye. Ugende umenye umenyere, umenye umugabo wawe n'ikigabu cye, umenye nyokobukwe na sobukwe kuko umukazana uzi ubwenge atungira ku wamubyariye umugabo, uzamenye baramu bawe na baramukazi bawe; uzamenye urugo ugiyemo, umenye umuja urusanzemo n'umushumba uragiye izo uzacunda, uzamenye incuti ariko mwana wa musaza wanjye uramenye ikigabu cy'umugabo wagukoye ntukakigaburire undi."

## IGICE CYA MBERE: KUMVA UMWANDIKO, INYUNGURAMAGAMBO N'UBUVANGANZO
**(Amanota 35)**

### I. Wifashishije ibyo usomye mu mwandiko, subiza ibibazo bikurikira: (Amanota 17)

**01.** Umushyitsi uvugwa mu gika cya mbere yagenzwaga n'iki?

**02.** Vuga izina ry'umugeni uvugwa muri uyu mwandiko.

**03.** Ubara iyi nkuru afitanye sano ki n'umugeni usabwa?

**04.** Vuga ibintu bitatu byarangaga imigirire y' uwatoranirijwe kujya avugira umuryango w'umugeni mu gihe cy'imanza.

**05.** Kuki umugeni waramye ategerwa n'ubonetse wese?

**06.** Ni iki umugeni yasabwe kuzigengesera by'umwihariko nyuma yo gushyingirwa?

**07.** Vuga impano ebyiri mu zo umuryango w'umukwe wahaye uw'umugeni.

### II. Ibibazo by'inyunguramagambo (Amanota 10)

Simbuza amagambo aciyeho umurongo irindi ukuye mu mwandiko bihuje inyito kandi ukore isanisha aho ari ngombwa.

**08.** Maze iminsi mba kwa <u>mushiki wa data</u>.

**09.** Ibibazo ntibikemurwa no <u>kuganyira uwo ubonye wese</u>.

**10.** Rukundo ni <u>umwana wa musaza</u> wa Batamuliza.

**11.** Roza ni <u>inshuti ikomeye</u> ya Mukamana.

**12.** Kwizihiza isabukuru no gucyuza ubukwe na byo ni <u>ibirori.</u>

### III. Ubuvanganzo (Amanota 8)

Koresha amagambo akwiye wuzuze iyi migani.

**13.** Akebo kajya.........................................................

**14.** Ukurusha ................................akurusha urugo.

**15.** Kora ndebe iruta ...........................................

**16.** Kubaho ni ..........................................................

## IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO N'UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI

**Amanota 35**

---

I. Vuga ubwoko bw'amagambo aciyeho umurongo mu nteruro zikurikira **(Amanota 10)**

**17.** <u>Abo</u> nakubwiraga ngabo baraje.

**18.** Mariya yakowe inka <u>eshatu</u>.

**19.** Dore wa mwana agiye <u>ku</u> ishuri.

**20.** <u>Umuco</u> wabo utandukanye n'uwacu.

**21.** <u>Abandi</u> bari he?

II. Erekana uturemajambo tw'amagambo aciyeho akarongo ugaragaze n'inteko arimo. **(Amanota 10)**

**01.** <u>Inka</u> za Rugwiro zirabyagiye.

**02.** Hagati y'isi n'<u>izuba</u> hari intera ndende.

**03.** Mbega <u>umurima</u> mwiza!

**04.** Umwaka ugira <u>amezi</u> cumi n'abiri.

**05.** Twumvise <u>induru</u> turahurura.

III. Soma inkuru ikurikira maze usubize ibibazo. **(Amanota 6)**

*Mukamusoni atuye i Runda. Ejo yagiye ku isoko agura imyumbati, karoti, n'umunyu.*

**06.** Ni ayahe mazina bwite ari muri iyi nkuru?

**07.** Ni ayahe mazina mbonera gakondo ari muri iyi nkuru?

**08.** Ni ayahe mazina mbonera y'amatirano ari muri iyi nkuru?

IV. Simbuza amagambo aciyeho umurongo imvugo ikwiye. **(Amanota 9)**

**09.** <u>Zirika</u> iyo mbwa itagira uwo ihohotera.

**10.** Muhorakeye agiye <u>kugura</u> igisabo.

**11.** Intore zihamiriza zambaye <u>inzogera</u>.

**12.** Icyo gihe umwami yari <u>yicaye</u>.

**13.** Jyana ayo mata <u>uyamene</u> kuko yatokowe bikabije.

**14.** Umutwe w'imfubyi watanze uw'umusaza kumera <u>umusatsi w'umweru</u>.

## IGICE CYA GATATU: IHIMBAMWANDIKO **Amanota 30**

**15.** Hitamo imwe mu nsanganyamatsiko zikurikira wandike umwandiko muremure ugizwe n'amagambo atari munsi y' ijana na mirongo ine (140).

(a) Ibyiza byo kubungabunga ibidukikije.

(b) Uruhare rwanjye mu guteza imbere amahoteri n'ubukerarugendo mu Rwanda.

(c) Uburere buruta ubuvuke.